Inyingisho ikurikira yatanzwe kuwa 20-10-2005 muri Prison Centrale de Kigali,

Ihabwa abahafungiye bose na Murebwayire Marie (Kicukiro), atumwe na Mukantaganzwa Domitilla, Umunyamabanga mukuru [Secrétaire exécutive] w'inkiko gacaca. IMIBURO YAGENEWE ABAKOZE IBYAHA BY'ITSEMBABWOKO BATARI BABYEMERA NGO BABYIHANE, BANABISABIRE IMBABAZI

1. Niba warakoze icyaha cy'Itsembabwoko ukaba utari wakemera ngo ugisabire imbabazi zivuye ku mutima, ni wowe wihima, kandi urahima abazagukomokaho bose kuko ni umuvumo karande w'amaraso (Intang. 4 : 9-12 Intang. 9 :5,6 kubara 35 :33 Abalewi 26 :14-46 Gutegekwa kwa kabiri 28 :15-68)
2. Wemere kwatura ibyo byaha kugira ngo ugirirwe imbabazi n'Imana n'abo wahemukiye utitaye mu rwego wajyamo (kuko n'ubundi wagombaga gupfa.)
3. Wowe wafunzwe ugashinjurwa na Gacaca zombi iyo muri Gereza n'iyo ku murenge umva neza : Ntabwo warenganye kuko itsembabwoko ari RUSANGE ku muntu wese iyo ava akagera, waba warishe waba utarishe (Ibyawe biri mu gitabo cya Obadiya 10-15 na Ezkiyeli 36 :16-19).
4. Wemere kwirengera ingaruka zose (Abalewi 26 :40-43). Wemere ko nkuko Itsembabwoko ryabaye rusange ku Batutsi bose (kuko umugambi wari uwo kubatsemba) ni nako ari rusange ku bahutu bose. Bisobanura ngo : Abatutsi bose bacitse ku icumu, naho Abahutu bose ni Interahamwe. (Biri mu Mwuka usabe agusobanurire kugira ngo ukire kandi niba ushaka no gupfa nabyo UWIYISHE NTARIRIRWA (2 Sam. 24/Kubara 16 :31-34/Yosua 7 :16-26)
5. Menya ko Itsembabwoko ari icyaha gihanikira ibindi no mu ngaruka no muri Bibiliya ntakibamo, n'ibihano byaryo ntabibamo, rihanishwa ibihano birenze ibindi biri muri Bibiliya, ni Imivumo iri mu Balewi 26 :14-46 no Gukegekwa kwa kabiri 28 : 15-68.

6. Sigaho gushyira Itsembabwoko mu bwenge bwa kimuntu no mu Mategeko asanzwe arengera abantu kuko ntirikwirwamo, ahubwo emera uruhare warigizemo, uce bugufi ni byo bizatuma Imana ikurengera ibonye uko wifashe. (Yakobo 5 :16/ 1 Petero 4 :17-19/ 1 Yohana 1 :9/Zaburi 1 :1).
7**. Itandukanye n'abakubeshya baba abo hanze,** kuko batakubujije cyagihe wicaga abatutsi kandi na nubu ntacyo bakumariye.
8. Barakubeshya abanyamadini kuko wabaye utyo bahari, kandi ntibarihana, baracyameze uko wabasize muri kirya gihe, ahubwo ni babi no kurushaho [Abenshi]. (Matayo 23)
9. Gendana n'ibihe Imana yageneye u Rwanda, wemere, wature, ubabazwe n'ibyo wakoze ugirirwe imbabazi maze ubone kubana neza n'abandi mu gihugu cyawe (Matayo 24).

10. Ntiwishingikirize ku mashuri yawe cyangwa ibyo wigiye muri gereza kuko ibyabaye byose byateguwe n'abize. (Ntacyo kwirata kirimo kuri abo bize, ahubwo ni isoni n'ikimwaro 1 Abak. 1: 26-31).
11. Urarwana no kutajya mu Kiciro cya mbere, ubeshya kubera amayeri ufite, ariko Imana yo ntaho wayihisha, kuko nusohoka warabeshye, ibya nyuma byawe bizarusha ibya mbere kuba bibi cyane, kandi bucya bucyana ayandi, n'abandi ntibari bazi ko bazvamo, icyo uhisha ni cyo kizagukoraho. IKUNDE rero. (2 Petero 2: 20-22)
12. Nta na kimwe uhimamo Leta, ahubwo ni wowe wihima n'umuryango wawe. Irinde ikinyoma cyose no kuyobya uburari bizagukururira urupfu, kuko kutavugisha ukuri ni byo byatumye bamwe mu bo mwari mufunganwe baragarutsemo abandi barapfuye, abandi barahunga bajya kugwa ku gasi. (Abar. 13: 1-6).

13. Akira Yesu Kristo mu bugingo bwawe nk'Umwami w'umucunguzi, kora iri Sengesho riri mu Baroma 10: 9,10. Vuga ngo: Mwami Yesu nje imbere yawe nzi ko ndi umunyabyaha, none mbabarira ibyaha byanjye byose harimo n'icyaha cy'Itsembabwoko, nyandukura mu gitabo cy'urupfu unyandike mu gitabo cy'ubugingo, ndakwizeye none mpindura umwana w'Imana, ibyaha byanjye byose ntuzabyibuke ukundi, Mwami Mana, niyemeje kuvugisha ukuri kugira ngo ungirire imbabazi, urakoze ko wumvise, kandi ko nakiriye agakiza kawe mu izina rya Yesu umukiza wacu. Amen.

TUZAHURIRA MU NGANDO/IMANA IBAFASHE MWIHANE/ YOH. 16:8
ESTHER VISION MINISRTRIES email: eshtervisio2000@y... B.P. 4094 Kigali Tel 08479218/08554282